# ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

## ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None ku wa kane, tariki ya 19 Kamena 2025, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUKABUNANI Christine.

Inama Rusange yagejejweho ikiganiro kuri ***"Politiki y'Igihugu igenga umurimo mu Rwanda: ibyagezweho, imbogamizi n'ingamba",*** cyatanzwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'umurimo (MIFOTRA), Ambasaderi NKULIKIYINKA Christine.

Minisitiri yagaragaje ko binyuze mu Cyerekezo 2050, Leta y'u Rwanda yihaye intego yo kuba yagabanyije ubushomeri ku kigero cya 7% mu mwaka wa 2035, na 5% mu mwaka 2050. Ikindi ni uko binyuze muri Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere 2024-2029 (NST 2), biteganyijwe ko hazahangwa imirimo 1,250,000 izahabwa cya cyane urubyiruko n'abagore.

**Ku birebana na Gahunda zafashije guteza imbere ihangwa ry'umurirmo**, Minisitiri yagaragaje ko, ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye, hashyizweho Gahunda zo guteza imbere ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo, zirimo Gahunda yo gufasha urubyiruko kwimenyereza no kwigira ku murimo (*Workplace learning*), aho kugeza mu mwaka wa 2024, urubyiruko rusaga 103,228 rwanyuze muri gahunda zitandukanye zo kwigira ku murimo.

**Hashyizweho kandi udukiriro** hagamijwe kongera ingano n'ubwiza bw'ibikorerwa mu Rwanda, na gahunda zo **guhemba Urubyiruko, ba Rwiyemezamirimo bato, bafite imishinga ihanga udushya**.

Minisitiri yagaragaje ko kuva mu mwaka wa 2017-2024, Gahunda yo **guhuza abatanga akazi n'abagashaka**, yatumye abantu 8,018 babona akazi.

**Ku birebana n'imbogamizi**, Minisitiri yagaragaje ko, ku isoko ry'umurimo hagaragara umubare munini w'abantu baza ku isoko ry'umurimo buri mwaka, bagera ku bihunbi magana abiri (200,000), mu gihe amahirwe y'umurimo aba ari macye.



**Email:** info@forumfp.org.rw **B.P:** 7459 Kigali / Rwanda **Website:** https://www.forumfp.org.rw/

Hari kandi ubumenyi bucye ku bashaka umurimo ndetse n'umuco wo kwihangira imirimo no guhanga udushya utaratera imbere. Indi mbogamizi ni uko bamwe mu baza ku isoko ry'umurimo baba bakeneye kongererwa ubumenyi kugira ngo bahuze ibyo bize mu ishuri n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo.

Kuri izi mbogamizi Minisitiri yavuzeko hari **ingamba** ziteganyijwe zirimo:

- Gushyira imbaraga muri gahunda yo kwigira ku murimo, abakoresha bakaba baragaragaje ubushake bwo gutanga amahirwe yo kwimenyereza umurimo ku rubyiruko rugera ku 4,986, kandi uwo mubare ukazakomeza kuzamuka;
- Gushyira ihangwa ry'umurimo no kwigira ku murimo mu igenamigambi ry'Inzego;
- Gushyiraho uburyo bwo kugabanya umubare w'imishinga ipfa itaramara umwaka;
- Gushyigikira gahunda zigamije guha akazi abantu benshi.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku kiganiro, Inama Rusange yashimye ingamba Leta ifite zo guteza imbere umurimo mu Rwanda hitabwa cyane cyane ku mirimo y'urubyiruko ndetse n'abagore. Inama Rusange yashishikarije abayoboke b'Imitwe ya Politiki gukomeza guharanira kwigira kuko ak'imuhana kaza imvura ihise.

Inama Rusange y'Ihuriro yemeje Gahunda y'Ibikorwa n'ingengo y'imari yabyo mu mwaka wa 2025-2026. Ibikorwa biteganyijwe bikazakomeza **guteza imbere ibiganiro nyunguranabitekerezo bya politiki n'ubumwe bw'Igihugu; kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki no guteza imbere umwuga wa politiki; ndetse no guteza imbere Ihuriro.**

Bikorewe i Kigali, tariki ya 19/6/2025.

**GISAGARA Théoneste**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**